



Werurwe 2024

Ikinyarwanda

Komera! – Have courage!

Nimukomere, isi narayitsinze!

(Yh 16,33)

Kontakt:

Meinolf Wacker

Kirchplatz 7

59174 Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432

Mail:

meinolf.wacker@go4peace.eu

Homepage

www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Ni kenshi twumva inkuru mbi. Ngaho ngo urugo rurasenyutse! Mbega icyizere aba bageni bari bafite. Ngaho ngo inzu yo kwa naka bayimennye, abari bayituyemo batashywe n'ubwoba bwo kuhasubira, kuko bahungabaniwe n'uko guterwa. Ni kenshi twumva igihugu runaka cyateye ikindi gihugu, iyo ntambara igakurikirwa n'umubabaro mwinshi w'abayihunga, bangara batazi aho berekeza. - „Ndumva ntagishoboye kwhanganira kubona ibi bintu!“ njya numva abantu bensi bavuga gutyo, ndetse bagahitamo kutongera kubyitaho na mba. Ariko se ngane he, igihe nsumbirijwe n'ibyago? – Yezu na we yanyuze mu bihe bisa nk'ibyo. Yari azi neza kandi akababaro gatangaje abantu tunyuramo: „Hano mu nsi muzahagirira amakuba, ariko nimukomere: isi narayitsinze!“ Kuri ubwo buryo adutumirira, mu mutozo no mu gutega amatwi ijwi ry'umutima wacu, kugirana na we umubano, yemwe no gutangira ikiganiro hamwe na we. Ni we wenyinge ushobora gutanga amahoro, isi idashobora gutanga.

Mu myaka 80 ishize umuntu witwa Etty Hillesum, yishwe afite imyaka 29, yicirwa ahitwa Ausschwitz azira ubwoko bwe bw'ubuyahudi. Mbere y'uko yicwa, yanditse isengesho, ryaje gusangwa mu gakaye ke yandikagamo buri munsi: „Ibi bihe turimo ni bibi, Mana yanje. Nkwemererye ikintu kimwe Mana, akantu gato cyane; sinifuza ko imihangayiko mfitiye ejo hazaza, iba imitwaro iremerera iminsi yanje nsigaje yo kubaho. Nzi neza ko ibi bisaba umwitotoz wihami. Buri munsi urihagije. Ndashaka kugufasha, Mana yanje, ko utansiga nnyenyine, ariko ubu ngubu, sinakwizeza ko ku bwanje nabishobora. Ariko maze gusobanukirwa n'ikintu kimwe: Ko udashobora kudufasha, ahubwo ko ari twe tugomba kugufasha, ariko mu by'ukuri tukaba ari twe tuba twifashije. Iki ni cyo kintu cyonyine kirusha ibindi agaciro: Gutabara agace k'ubuzima bwawe muri twe, Mana. Bityo nibura, twashobora gufasha ko uzukira mu mitima ishengutse y'abandi bantu. (...) Ndumva ngenda ntaza muri njye, Mana yanje, ku bw'iki kiganiro tugiranye. Mu minsi iza, nzagira nawe ibindi biganiro byinshi, kugira ngo kuri ubwo buryo nkubuze kunsiga.“ Mu gutega amatwi umutima we ndetse no mu kuvugana n'lmana, Etty Hillesum yaharonkeye amahoro y'umutima. Ubuzima buraduhamagarira kugira iki kiganiro, cyane cyane muri ibi bihe by'akaga gakomeye turimo. **Komera! - Have courage!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker